



Gicurasi 2024

ikinyarwanda

Ba maso!

,,Nimwakire Roho Mutagatifu!“

(Yoh 20,22)

Kontakt:

Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.:

+49-172-5638432
meinolf.wacker@go4peace.eu
www.go4peace.eu

Mail:
Homepage

Nshuti bakunzi ba go4peace,

mu buryo butunguranye hari igithe ujya kubona ikintu cyari cyarananiranye, kigiye mu buryo! Kudindizwa n'ubwoba bwo kutizera ko umuntu ashoboye cyane, ubwoba bwo gutsindwa, guhangayikishwa n'uko hari icyo waba wakoze nabi, bigira gutya bikagenda. Icyo gihe wiymavamo umurava n'imbaranga mbere utari ufite. Uba wumva ari nkawo wahawe imbaraga zituma ukomeza urugendo, zigufasha kongera bundi bushya kwinjira mu buzima.

Nyuma y'urupfu rwa Yezu, inshuti ze zatashywe n'ubwoba, ni uko zihinira mu nzu, zirikingirana. Zaragumanye bityo zibona amahoro Yezu yababwiraga iteka. Bumvise uburyo abari hafi mu mbaraga za Roho we wabateye umwete zo gukomeza urugendo. Barahagurutse, bakira Roho Mutagatifu!“ (reba. Yoh 20,22)

Umukobwa umwe w'inkumi yari arangije amashuri yisumbuye. Yari yishimiye cyane ko byose abishoje neza. Cyari igithe gisaba imbaraga nyinshi. Nyuma yaho, ni bwo yatangiye gutekereza ikigiye gukurikiraho n'aho yifuza kwerekeza ubuzima bwe. Na byo ntibyari byoroshye na mba. Yafashe umwanzuro wo kuuya gukora nk'umukorerabushake mu bigo bifasha abantu. Ariko ntibyatinze kuko yahise abona ko iyi atari yo nzire ye. Aragira ati: „Muri icyo gihe, sinahwemye kuragiza Imana ibyifuzo byanje ndetse n'imigambo yanje. Byaramfashije cyane! Imana ni Roho. Muri iyo Roho, nzi neza ko iri kumwe nanje. Ni uko nihatira kuguma ku murongo ngo Imana ntimbure, ndetse no gukora ibikorwa bimfasha kugumana na yo, ndetse nkomeza no kuyigirira icyizere ku mugambi imfiteho mu buzima bwanje!“

Umwuka twinjiza cyangwa dusohora iyo duhumeka, ni na wo abatubanjirije, yemwe na Yezu ubwe yahumetse. Umwuka duhumeka, ni injyanya y'ubuzima bw'Imana muri twe. Ni yo iduha gukura, kumenya kwigirira icyizere ndetse no kugira ubutwari. **Ba maso!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker